# ABADAHIGWA B'AMAHORO

RDRC

Ugushyingo 2021

IKINYAMAKURU CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARI



## Intumwa zo muri Sudani y'Amajyepfo zirishimira ibyo RDRC igezeho mu gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare

United Nations Peacebuilding
Peacebuilding Fund
U N D P
Empowered lives
Resilient nations
UNITED NATIONS RWANDA
UN WOMEN

## Ibirimo


**Ijambo ry'ibanze**............................P. 2

Intumwa zo muri Sudani y'Amajyepfo zirishimira ibyo RDRC igezeho mu......................................P. 3

Mutobo: Abavuye mu mitwe yitwaje intwaro bakingiwe Covid-19......................................................P.5

Abanyamuryango ba koperative Abiteje Imbere Transport barishimira intambwe bagezeho mu iterambere......................................P.7

RDRC igiye kugoboka abagenerwabikorwa bayo bakomwe mu nkokora na Covid-19......................................................P.9

Ikiganiro na Nsengiyumva Wellars watahutse ava mu mashyamba ya Congo.............................................P.10

Ikiganiro na Sebahutu Jean Damascene watahutse ava mu mitwe yitwaje intwaro........... P.11


# Ijambo ry'Ibanze

## Basomyi b'ikinyamakuru cyacu

## "ABADAHIGWA B'AMAHORO",

Mu gihe isi yose muri rusange, ndetse n'u Rwanda by'umwihariko bakomeje guhangana n'icyorezo cya Covid-19, Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), nayo ntiyasigaye inyuma muri uru rugamba.

Kuva Covid-19 yagera mu Rwanda, yateje ibibazo bitandukanye ku buzima bw'Abanyarwanda; bamwe bitaba Imana, abandi bajyanwa mu bitaro, ndetse tutibagiwe n'ingaruka zinyuranye yagize ku bukungu bw'igihugu.

Wenda tugarutse ku ngaruka yagize ku bukungu, ntawe utazi uko ingamba zimwe na zimwe zirimo Guma mu rugo zakomye mu nkokora akazi ka buri munsi gatunze Abanyarwanda, aho amasoko yafunzwe, ingendo zirahagarara, amahoteli n'amaresitora birafungwa, imishinga itandukanye irahagarara, tutibagiwe n'amashuri.

Birumvikana rero ko iyo ibikorwa by'ingenzi nk'ibyo bifunze, iterambere rihazaharira cyane kuko ntawe uba ukibasha kwinjiza amafaranga yari asanzwe amufasha mu mibereho ye ya buri munsi.

N'ubwo bimeze gutya ariko ubuzima ntibwahagaze burundu kuko Leta y'u Rwanda yakomeje gukora ibishoboka byose kugira ngo irengere amagara y'abaturage bayo, ariko nanone babashe gukomeza kubona ibibatunga mu gihe akazi kababeshaho kabaga kahagaze. Bimwe mu byakozwe twavuga ibiribwa byagiye bitangwa ku bari babikeneye, ndetse hanashyizweho ikigega ngandura bukungu kigamije gufasha abafite ibikorwa byasubiye inyuma kubera Covid-19.

Birumvikana rero ko RDRC nayo yafashe iya mbere mu kwita ku mibereho y'abagenerwabikorwa muri ibi bihe bya Covid-19 cyane ko bamwe muri bo banafite ibibazo byihariye birimo kuba hari abageze mu zabukuru bafite intege nke, abamugariye ku rugamba, abafite ibibazo by'ihungabana n'ibindi.

Aha, ntitwabura gushima abagenerwabikorwa bacu aho bari hirya no hino mu makoperative nabo ubwabo bafashe iya mbere barafashanya, abadafite ibiribwa

barabihabwa, abandi bagabana amafaranga y'ubwizigame bari bafite ngo abafashe muri ibyo bihe bitoroshye.

RDRC ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo nayo ntihwema kwita ku mibereho myiza y'abagenerwabikorwa bayo muri ibi bihe, ibashakira inkunga zitandukanye zibafasha mu buzima bwabo bwa buri munsi.

RDRC rero ikaba yarakoze ibishoboka byose igeza ku bagenerwabikorwa bayo ibikoresho bitandukanye byifashishwa mu kwirinda Covid-19, cyane cyane ibikenerwa mu kwita ku isuku.

Si ibyo gusa kuko RDRC yanegereye by'umwihariko abagenerwabikorwa bayo bahabwa inkunga z'ingoboka, ndetse inegera amakoperative y'abasubijwe mu buzima busanzwe barebera hamwe n'abanyamuryango bayo icyakorwa ngo ubukungu bwazahajwe na Covid-19 bwongere buzahurwe.

Aya makoperative yagenewe na RDRC inkunga zitandukanye zirimo n'amafaranga azayafasha kongera kwiyubaka nyuma y'ibihombo bagize bitewe n'iki cyorezo.

Mu rwego kandi bwo gukomeza gufatanya n'abandi mu kurwanya ikwirakwira rya Covid-19, RDRC nayo ntihwema gukora ubukangurambaga bugamije kwigisha Abanyarwanda muri rusange uko bakwirinda iki cyorezo, by'umwihariko abagenerwabikorwa bayo nabo bakaba basabwa gufata iya mbere mu kucyirinda bakurikiza amabwiriza atangwa n'inzego zibishinzwe.

Amwe muri ayo mabwiriza ni ukwambara neza agapfukamunwa, gusiga intera ya metero hagati y'umuntu n'undi gukaraba kenshi gashoboka, n'andi menshi.

Abagenerwabikorwa ba RDRC kandi bakangurirwa kwikingiza Covid-19, ndetse i Mutobo hanaherutse kubera igikorwa cyo gukingira abaturutse mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo bagera kuri 497.

# INTUMWA ZO MURI SUDANI Y'AMAJYEPFO ZIRISHIMIRA IBYO RDRC IGEZEHO MU GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARE

Ku wa 28 Ugushyingo 2021, intumwa 25 zivuye muri Sudani y'Amajyepfo zigizwe n'abayobozi mu nzego nkuru z'icyo gihugu barimo abaminisitiri, abasirikare n'abapolisi bakuru, basuye Ikigo cya Mutobo cya Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC) cyakira kikanahugura abahoze ari abasirikare mbere yo gusubizwa mu buzima busanzwe.

Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa Wilson avuga ko bamaze gusezererwa mu gisirikare bicaye hamwe mu mwaka wa 2008, batangiza igikorwa cyo gucunga umutekano mu Mujyi wa Kayonza.

Izi ntumwa zari ziyobowe na Minisitiri wa Sudani y'Amajyepfo, ushinzwe itagazamakuru, itumanaho, ikoranabuhanga n'amaposita, Bwana Michael Makuei Lueth, zakiriwe n'Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie wazisobanuriye ibyo RDRC imaze kugeraho mu gusezerera no guzubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

Bimwe mu byo Madamu Nyirahabineza Valerie yabasobanuriye, harimo uruhare rufatika RDRC imaze kugeraho mu kubumbatira umutekano n'amahoro arambye muri aka karere u Rwanda ruherereyemo, ibinyujije mu gukangurira, gucyura no gusubiza mu buzima busanzwe abari abarwanyi b'imitwe itandukanye yitwaje intwaro ikorera mu mashyamba ya Congo, igamije guhungabanya umutekano muri ibi bihugu bikikije u Rwanda.

Madamu Nyirahabineza Valerie yasobanuriye kandi aba bashyitsi imikorere y'ikigo cya RDRC cya Mutobo cyakira aba barwanyi ndetse n'abagize imiryango yabo, ababwira ko nyuma yo kwakiranwa urugwiro, aba bagenerwabikorwa bahabwa iby'ibanze byose bakeneye mbere y'uko basubizwa mu buzima busanzwe.

Umunyamabanga Mukuru wa RDRC, Musoni Francis, nawe yagaragarije izi ntumwa ko iyo abo barwanyi ndetse n'abagize imiryango yabo bageze Rwanda, abarwanyi bashyirwa mu kigo cya Mutobo bagahabwa amasomo atandukanye agamije kubafasha



Abayobozi ba RDRC bakira Intumwa zari zivuye muri Sudani y'Amajyepfo

kongera kuba abaturage bazima; arimo amateka yaranze igihugu cyabo, uburere mboneragihugu, ubumwe n'ubwiyunge, n'andi menshi; ndetse bakanigishwa imyuga itandukanye mu gihe cy'amezi 6, ibafasha mu iterambere ryabo mu gihe baba basubijwe mu muryango.

Nyuma yo gusobanurirwa imikorere ya RDRC, aba bashyitsi bahawe umwanya bungurana ibitekerezo na bagenzi babo bo mu Rwanda, ndetse banabaza ibibazo byibandaga ahanini ku byo RDRC yagezeho, kugira ngo nabo bazabishyire mu bikorwa mu gihugu cyabo, cyane ko nabo bafite komisiyo ishinzwe gusubiza abari ingabo mu buzima busanzwe.

Komiseri muri RDRC, Ushinzwe Umujyi wa Kigali, Brig. Gen. John Bagabo, yakomoje ku ibanga RDRC ikoresha igera ku ntego yayo, avuga ko mu byo ikorera abasubizwa mu buzima busanzwe ibikora nta vangura aryari ryo ryose, kandi ko abamaze guhabwa amahugurwa i Mutobo bahabwa n'izindi nkunga, zaba iz'amafaranga, amatungo, inama n'ibikoresho bibafasha gutangira ubuzima baba bagiyemo iwabo mu muryango.

Aha kandi yababwiye ko aba barwanyi ari bo bihitiramo bo ubwabo aho bazatura bo n'imiryango yabo.

Abayobozi ba RDRC kandi bagaragarije aba bashyitsi ko abamaze gusubizwa mu buzima busanzwe ubu bageze kuri byinshi biteza imbere, dore ko bahawe inkunga y'ibanze iherekejwe n'amahugurwa mu myuga no mu kwihangira imirimo, ndetse ubu abenshi bari mu makoperative atandukanye yaba acunga umutekano, akora ubuhinzi n'ubworozi, ubukanishi, ubucuruzi, gusudira, ubwubatsi n'ibindi.

Banababagaragarije kandi ko bahindutse cyane mu myumvire kuko usanga babanye neza n'abandi baturage mu bumwe n'ubwiyunge nkuko babyigishijwe, ndetse bamwe unabasanga mu nzego z'ubuyobozi zitandukanye, zaba iz'abikorera, ndetse no mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze bw'igihugu cyacu.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abashyitsi basuye abari abarwanyi mu mashyamba ya Congo bagera kuri 729 kugeza ubu bari guhugurirwa mu kigo cya Mutobo, birebera uburyo babayeho, maze banabagenera ubutumwa.

Mu izina ryabo, uwari uyoboye aba bashyitsi, Minisitiri Michael Makuei Lueth, yababwiye ko yishimiye cyane ibyo RDRC imaze kugeraho ibafasha gusubira mu buzima busanzwe, ariko by'umwihariko abasaba gukomeza kubumbatira amahoro n'umutekano.

Yagize ati: "Twishimiye cyane akazi keza RDRC yakoze ibafasha mu gusubira mu buzima busanzwe, ari nako yita ku buzima bwanyu. Ni inkunga ikomeye mu kubumbatira umutekano. Nta bumwe,



Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Nyirahabineza Valerie yungurana ibitekerezo n'abashyitsi

nta majyambere yagerwaho. Amahoro ni cyo kintu gikomeye kurusha ibindi byose. Nta mahoro, nta terambere ragerwaho. Ndabashimiye cyane kuba mwaritandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro mukaza hano kubaka igihugu cyanyu."

Yakomeje abasaba kuzashyira mu bikorwa ibyo bize nibagera mu muryango nyarwanda, kugira ngo nabo babashe gutanga umusanzu mu iterambere ry'imiryango yabo, n'iry'igihugu muri rusange.

Mbere yo gusoza uru ruzinduko, yaba Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, ndetse na Minisitiri Michael Makuei Lueth, bagaragaje ko bishimiye ubumenyi bunguranye mu gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, kandi ko ibihugu byombi bizakomeza ubufatanye mu kwita ku baturage babyo.

Aha, Minisitiri Michael Makuei Lueth yagaragaje ko ikigo cya RDRC cya Mutobo ari intangarugero mu gufasha abava mu mitwe yitwaje intwaro gusubira mu buzima busanzwe, kandi ko bakigiyeho byinshi bizabafasha nabo gusezerera abari abasirikare no kwita ku mibereho myiza yabo.



Minisitiri Michael Makuei Lueth asinya mu gitabo cy'abashyitsi ba RDRC

Yagize ati: "Twishimiye cyane ubumenyi twungukiye muri uru ruzinduko. Natwe iyi komisiyo yo gusezerera abari abasirikare turayifite iwacu, amasomo dukuye aha rero azadufasha gushyira mu bikorwa inshingano zayo mu gihugu cyacu. "

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie yasoje nawe agaragaza ko bishimiye kwakira itsinda ry'abayobozi bakuru baturutse muri Sudani y'Amajyepfo, kandi ko mu byabazanye hari ukureba uko bazashyiraho ibigo byakira abari abasirikare bikabigisha mbere y'uko basubizwa mu buzima busanzwe mu gihugu cyabo.

Yagize ati : "Bari baje kwiga ibyo komisiyo yacu ikora kugira ngo gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu gisirikare bikunde, kandi bitange umusaruro."

Madamu Nyirahabineza Valerie yagaragaje kandi ko abashyitsi batashye bishimiye ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu, cyane ko ari bwo butuma n'ibindi byose bigerwaho.

# MUTOBO: ABAVUYE MU MITWE YITWAJE INTWARO BAKINGIWE COVID-19

Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro ikorera mu mashyamba ya Congo bari mu mahugurwa bahabwa mbere yo gusubizwa mu buzima busanzwe baratangaza akanyamuneza bafite nyuma yo guhabwa urukingo rw'Icyorezo cya Covid-19



Rtd. Col. Gatabazi Joseph be na bagenzi be barishimira ko bahawe urukingo rwa Covid-19

Abakingiwe bagaragaje ko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ntako itagize ngo bakirwe neza mu gihugu cyabo, by'umwihariko bavuga ko batangajwe n'urugwiro bakiranwe, ndetse bagahabwa ibyangombwa byose bakeneye byababafashije kongera kugira ubuzima bwiza.

Akimara gufata urukingo rwa Covid-19, Rtd. Col. Nsanzimana Fidele wavuye mu mashyamba ya Congo yari mazemo imyaka 27, yatangaje ko yakiriye neza urwo rukingo, agaragaza ko ari amahirwe adasanzwe atari kubona iyo aba akiri mu mashyamba ya Congo.

Aha yagaragaje kwicuza igihe yatakaje muri ayo mashyamba kandi yakagombye kuba yaragize uruhare mu iterambere u Rwanda rugezeho. Yagize ati "Ikintu nicuza gikomeye ni aho u Rwanda rugeze ku mbaraga z'Abanyarwanda, nanjye ndi Umunyarwanda ariko kandi nta ruhare nabigizemo. None bampaye urukingo, ndetse ubu bibaye inshuro ya kabiri bakingira abo turi kumwe hano.

Bwa mbere bakingiye abageze mu zabukuru ni ukuvuga bari hejuru y'imyaka 50 kugira ngo batabare ubuzima bwabo nkuko hanze byari bimeze, hanyuma rero ubu bahereye ku bafite imyaka 18-50. Inkingo twazibonye, yewe nta n'abarwanyi basigaye kuko hafi ya bose abari hano bari hejuru y'iyo myaka 18.

Kuba twaravuye mu mashyamba ya Congo tukaba dukingiwe mu ba mbere bivuze ikintu kinini cyane. Bitweretse ko natwe Leta yacu itwitayeho kandi itwifuria ubuzima buzira umuze".

Rtd. Col. Nsanzimana Fidele yakomeje avuga ko nyuma yo guhabwa urukingo biyemeje gukaza ubwirinzi kuko kuba barabakingiye ari byiza bifasha umubiri kugira ubudahangarwa, ariko kandi ko ingamba zo kwirinda iki cyorezo bagiye kuzikomeza nkuko bisanzwe.

Barakamfitiye Providence watahutse mu Rwanda afite ipeti rya Sergeant Major, nawe yagaragaje ibyishimo yatewe n'uko yakiriwe mu Rwanda by'umwihariko agaragaza ko kuva yagera mu Rwanda yafashwe neza kugeza ubu kaba afite ubuzima bwiza.

Avuga ku nkingo bahawe, Barakamfatiye yagaragaje ko nta bwoba rwamuteye kandi ko nta ngaruka n'imwe rwamugizeho. Yagize ati "abakiri mu mashyamba ndabizi neza ko nta rukingo barafata, nta nurwo barabona, ndetse nta n'ikindi gihugu cyagize ishyaka ryo kurwanya Covid-19 nk'u Rwanda, nabo nibaze babone ubwirinzi bw'iki cyorezo, kandi ndashimira Leta yashatse izi nkingo zo gukingira Abanyarwanda. Ndabashimira cyane."

Barakamfitiye kandi yanaboneyeho gusaba bagenzi be basigaye mu mashyamba ya Congo kwihutira gutahuka kugira ngo nabo bagerweho n'ibyiza igihugu cyabo cyabateguriye.

Yagize ati: "Icyo nashishikariza abasigaye mu mashyamba ya Congo ni ugutaha. U Rwanda ni rwiza rufite gahunda nziza, rwita ku baturage barwo kandi rufite n'ubuyobozi bwiza. Nibatahe bareke guheranwa n'ubwigunge, bakingirwe hato iki cyorezo kitazabamarirayo".

Ku rundi ruhande Rtd. Col. Gatabazi Joseph watahutse mu rwanda mu cyiciro cya 67, nawe yagaragaje akanyamuneza yatewe no gukingirwa Cocid-19.

Yagize ati: "Mbyakiriye neza cyane. Ni ibyishimo bikomeye, kuko uru rukingo barubona bibagoye cyane cyane mu bihugu bidukikije, ariko mu gihugu cyacu ho ni ibintu byoroshye. Turashimira Leta idutekerezaho kandi nitunasubira mu buzima busanzwe tuzakomeza ingamba zo kwirinda Covid-19".

Yakomeje agaragaza ko hagati aho bakomeje kubahiriza ingamba zashyizweho mu guhangana na Covid-19 bakaraba amazi meza n'isabune cyane ko babyegerejwe, bambara neza agapfukamunwa kandi bahana intera hagati yabo.

Umukozi wa RDRC, Rtd.Major Cyprien Mudeyi ari nawe uhagarariye ikigo cya Mutobo yagaragaje ko ubu bafite abarwanyi bitandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro 497 bagomba gukingirwa Covid-19. Yagize ati :"Iki ni icyiciro cya kabiri cy'abantu bagomba gukingirwa kubera ko mbere hari abantu 198 bakingiwe bafata inkingo zombi. "

Rtd. Major Cyprien Mudeyi yakomeje avuga ko gutanga inkingo za Cocid-19 bigiye gufasha abahugurirwa mu kigo cya Mutobo kubona ko ubuzima



Abakingiwe Covid-19 biyemeje gukomeza ubwirinzi bwayo

bwabo ubuyobozi bubwitayeho, kandi ko bafite uburenganzira bahabwa nk'abandi Banyarwanda bose.

Rtd.Major Cyprien Mudeyi yageneye kandi ubutumwa abatahutse ndetse n'bakiri mu mashyamba ya Congo badafite amahirwe yo kwikingiza Covid-19. Abatahutse yabasabye gushishikariza bagenzi babo bakiri muri ayo mashyamba babaha ubuhamya bw'uko bakiriwe n'uko bitaweho.

Yagaragaje kandi ko ikigaragaza ko bitaweho ari uko bari mu bahawe urukingo mbere y'abandi Banyarwanda benshi batararubona, bivuze ko igihugu kibatekerezaho kandi kibitayeho cyane.

Umwe mu bayobozi bari baje gutangiza iki gikorwa nawe yavuze ko ko nta kidasanzwe kuba barakingiye bariya barwanyi bitandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro kuko n'abo ari Abanyarwanda kandi ko bafite uburenganzira nk'ubw'abandi.

Yasabye abakingiwe kumenya ko kuba barakingiwe Covid-19 bitavuze ko umuntu atayirwara. Ahubwo ko ashobora kuyirwara ntazahazwe nayo nk'utarakingiwe, wenda ntinamuhitane. Yagize ati: "Turabasaba rero ko birinda ko ikwirakwira bubahiriza ingamba zose zashyizweho zo kuyirwanya".

Yakomeje avuga ko by'umwihariko icyorezo cya Covid-19 kigenda kigabanuka kandi ko inkingo zibifitemo uruhare. By'umwihariko mu Karere ka Musanze yavuze ko hamaze gukingirwa abantu bagera ku bihumbi ijana (100,000,000) bamaze guhabwa urukingo rwa mbere, muri bo abantu ibihumbi mirongo ine (40,000) bamaze kubona inkingo zose, uko ari ebyiri.

Yanabagaragarije ko n'ibindi bikorwa bireba ubuzima bwiza bwabo bazakomeza kubihabwa ku bufatanye n'ubuyobozi bwa RDRC, ndetse ko ibikorwa by'ubuvuzi byose bakeneye bazakomeza kubigezwaho.

Nawe yasabye abarwanyi baturutse mu mitwe yitwaje intwaro kumenya ko igihugu kibatekereza kugeza ku rwego rw'uko ubuzima bwabo bufite agaciro nk'ubwo undi Munyarwanda wese, bityo abasaba kubiha agaciro bakabyumva kandi bakabyumvisha n'abandi basigaye iyo mu mashyamba.

Yagize ati: "Twifuza ko Abanyarwanda bose bagira ubuzima bwiza. Ni byiza ko mwe muri hano mushoboye guhabwa urukingo rwa Covid-19, ruzabafasha guhangana n'iki cyorezo. Abasigaye mu mashyamba ya Congo nabo nibihutire gutaha kugirango badacikanwa n'aya mahirwe, cyane ko igihugu kiteguye kubakira no kubagezaho servisi z'ubuzima nk'abandi baturage bacyo bose".

Muri rusange abarwanyi bari guhugurirwa i Mutobo bakingiwe Covid-19 nabo bagaragaje ko nta buzima bwiza, iterambere ritashoboka, bityo bakaba bavuga ko nyuma yo gukingirwa igisigaye ari ugukomeza kwiga neza amasomo yabo y'imyuga kandi ko nibayarangiza bazahita bajya ku isoko ry'umurimo nta gukererwa.

Aba barwanyi kandi banagaragaje ko biteguye kuzakora ibishoboka byose bagafatanya n'abandi baturage bazasanga mu muryango nyarwanda, haba ku rugamba rwo kurwanya ubukene ndetse by'umwihariko banafataye kurwanya icyorezo cya Covid-19, kuko bahawe ubumenyi bwose ku bijyanye n'uko cyandura n'uko cyirindwa.

Aba bagenerwabikorwa ba RDRC batangaza kandi ko atari Covid-19 gusa bafashwa kurwanya, kuko RDRC inakora n'ibindi bikorwa bitandukanye bigamije ubuzima buzira umuze bwabo.

Bimwe muri byo harimo ko bafashwa muri rusange kwita ku isuku y'umubiri, iy'imyambaro, ndetse n'iy'aho batuye, ibi bikaba bizabafasha guhangana n'izindi ndwara zitandukanye zikomoka ku mwanda mu gihe bazaba basubiye mu muryango nyarwanda.

Si ibyo gusa kuko imirire iboneye nayo ari kimwe mu byo bagezwaho na RDRC, kandi ko yabafashije cyane kongera kugira imbaraga z'umubiri.

Ibi byose kandi biza byiyongeraho ko iyo barwaye bavuzwa neza, ibi nabyo bakaba babishimira RDRC.

# ABANYAMURYANGO BA KOPERATIVE ABITEJE IMBERE TRANSPORT BARISHIMIRA INTAMBWE BAGEZEHO MU ITERAMBERE

Abanyamuryango ba koperative y'abahoze ari abasirikare bakora umwuga w'ubushoferi Abiteje Imbere Transport, ikorera mu Karere ka Kacyiru, mu Mujyi wa Kigali baratangaza ko hari aho bamaze kugera biteza imbere babikesha kwibumbira hamwe.




Kwibumbira mu makoperative byazamuye iterambere ry'abagenerwabikorwa ba RDRC

Aba banyamuryango batwara abantu mu mamodoka, bavuga ko batekereje uwo mushinga nyuma yo gusezererwa mu gisirikare bagasubizwa mu buzima busanzwe, bityo bagasanga bakwiye kubyaza umusaruro ubumenyi bafite mu kazi ko gutwara imodoka bamwe muri bo bari basanzwe bakora bakiri mu gisirikare.

Rtd. Private Habarugira Claver, ufite umugore n'abana babiri avuga ko yavutse mu 1980. Nyuma yaho u Rwanda rugwiririwe n'akaga gakomeye yahisemo kwinjira mu ngabo zari zimaze kubohora igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, afite imyaka 16, ngo nawe atange umusanzu we mu kugarura umutekano n'amahoro arambye mu gihugu cye.

Nyuma yaho urugamba rurarangiriye byabaye ngombwa ko bamwe mu bari abasirikare basubizwa mu buzima busanzwe basanga abandi Banyarwanda maze bakomeza gufatanya kubaka igihugu cyacu.

Yagize ati: "Tugeze mu muryago nyarwanda, abo twahasanze hari aho bari bamaze kugera biteza imbere, biba ngombwa ko natwe dutangira gutegura imishinga yari igamije iterambere ryacu, aha navuga ko Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare yagiye idufasha muri byinshi kugira ngo tubashe kugera aho tugeze uyu munsi wa none".

Rtd. Private Habarugira Claver, yakomeje avuga ko RDRC yakomeje kubaba hafi kuri urwo rugamba rw'iterambere, aho bagiye bahabwa inama n'amahugurwa byabafashije cyane mu mibereho yabo ya buri munsi.

Yagize ati: "twatangiye dukorera abandi ariko nyuma tuza kwicara dutekereza uko twabyaza umusaruro umwuga wacu w'ubushoferi, tubona yuko imbaraga twakoresheje tubohora igihugu cyacu tuzamuka imisozi tumanuka indi dutwaye imodoka zigihari kandi ko twanazikoresha twiteza imbere.

Nibwo nagize igitekerezo negera bagenzi banjye, ngenda mbaganiriza umwe ku wundi mbasaba ko twakwishyira hamwe tugakomeza urugamba rw'iterambere. Nuko igitekerezo cyo kwibumbira hamwe cyaje."

Rtd. Private Habarugira Claver, yakomeje avuga ko bagenzi be babyumvise vuba, maze bahuza ibitekerezo batangira koperative y'abashoferi basubijwe mu buzima busanzwe, Abiteje Imbere Transport, ariko kandi bashyiramo n'abandi Banyarwanda b'abasivili bari basanzwe muri uwo mwuga wo gutwara abantu n'ibintu kugira ngo bafatanye muri urwo rugamba rw'iterambere.

Yagize ati "abo nabo twishyize hamwe, maze dukomeza kubaka wa murunga wo kugirana inama, nuko mu mwaka 2018 tugera ku ntego yacu yo gushinga koperative ku mugaragaro, maze twegera Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amakoperative nabo baradufasha, ndetse kuwa 31 Gicurasi 2018 duhabwa ubuzima gatozi".

Rtd. Private Habarugira Claver, avuga ko bitarangiriye aho kuko abanyamuryago ba koperative yabo batangiye urugendo rwo gushaka ibyangombwa bibemerera gukora ubwikorezi maze begera Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA), nabo babakira neza babaha ibyangombwa bibemerera gukora uwo mwuga.

Nyuma baje gukomeza gusa baza gukomwa mu nkokora n'icyorezo cya Covid-19, ariko bakomeza umurava mu byo bakora. Ati"na n'uyu munsi turacyahura n'imbogamizi zitandukanye, ariko turacyakomeje gukora ibishoboka byose ngo twiteze imbere nkuko bamwe muri twe twabitojwe tukiri mu gisirikare. Dufite icyerekezo cyiza ntabwo turacika intege".

Mugenzi we Rtd. Private Singirankabo Damien w'imyaka 46 utuye mu Murenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali wasezerewe mu ngabo za RDF muri 2005, nawe avuga ko akimara gusezererwa yakomeje gukora akazi k'ubushoferi, cyane ko na mbere akiri ku rugamba yakoze akazi gatandukanye karimo gutwara abasirikare mu modoka.

Nawe yagaragaje ko amaze gutaha byabaye ngombwa ko ahura na bagenzi be maze batekereza ku cyo bakora cyakomeza kubafasha mu mibereho yabo ya buri munsi, kugira ngo nabo babashe kwigira.

Rtd. Private Singirankabo Damien yakomeje agaragaza ko koperative yabo Abiteje Imbere Transport

yabafashije cyane gusigasira ibyo bagezeho bagamije iterambere. Yagize ati: "Kugeza ubu tumaze gusurwa n'abantu benshi kandi bashyigikiye ibyo dukora. Ibi biduha icyizere cy'uko iterambere ryacu rihari. Icyo twifuza ni ubuvugizi kugira ngo aho tugeze turusheho kwiteza imbere".

Rtd. Private Habarugira Claver, nawe yagaragaje ko kuba koperative ikiriho kandi abanyamuryango bashishikajwe no guhuza imbaraga bigaragaza icyizere cy'ejo heza habo. Ikindi kandi ni uko kugeza ubu imodoka batangije bagiye bazihindura bagashaka izindi zisumbuyeho zigendanye n'igihe.

Yagize ati "n'ubwo twagiye duhura n'imbogamizi mu ntangiriro ubu turagenda twagura ibikorwa byacu ari nako dushaka imodoka zigezweho. Icya kabiri twishimira n'uko twabashije kubona ibiro dukoreramo ndetse tunagura ibikoresho byose bikenerwa mu biro. Aho tugeze ni heza, dufite umushinga mwiza uzaduteza imbere ndetse ukanateza imbere igihugu cyacu".

Rtd. Warrant Officer II Nkusi André winjiye mu gisirikare mu 1992, nyuma akora imirimo itandukanye irimo gutwara abasirikare mu gihugu ndetse no hanze yacyo mu butumwa bw'akazi. Nawe agaragaza ko amaze gusezererwa mu gisirikare mu mwaka wa 2017 yakomeje umwuga we w'ubushoferi.

Yagize ati: "Nkigera mu buzima busanzwe natekereje kwikorera nkuko igihugu kibidusaba. Nashatse amafaranga ngura imodoka, maze negera bagenzi banjye bari barantanze kugera mu buzima bwo hanze, turafatanya, dushinga Koperative Abiteje Imbere Transport. Twatangiye turi abantu bagera ku icumi, ariko ubu tumaze kugera ku banyamuryango makumyabiri".

Rtd. Warrant Officer II Nkusi André yakomeje agaragaza ko kugeza ubu bakomeje kubaka ubushobozi bwa koperative yabo, ndetse ko bifuza ko yazagera no ku rwego rwa sosiyete ikora ubucuruzi (Company), bityo bakabasha gupiganira amasoko ahantu hatandukanye.
Yagize ati "turacyafite imbogamizi zo kubona akazi, ariko dufite intego yo gukura tukaba isosiyete nini, turifuza kubona imirimo tugakora, tukiteza imbere ndetse tugaha n'abandi akazi".

Abanyamuryango ba Koperative Abiteje Imbere Transport bagaragaza ko



Abayobozi ba RDRC bungurana inama n'abanyamuryango ku iterambere ry'amakoperative yabo

imitungo bafite ishingiye ku migabane shingiro batanze, aho ngo batangije amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000 frw), nyuma biyemeza ko buri wese azajya atanga umusanzu w'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi makumyabiri na bitanu (25,000frw) buri kwezi, ariko mu gihe cya Covid-19 bitewe n'uko abagenzi na ba mukerarugendo babaye bake, babaye bashyize uwo musanzu ku mafaranga y'u Rwanda ibihumbi cuimi na bitanu (15,000 frw).

Kugeza ubu koperative Abiteje Imbere Transport ifite imodoka 20 zirimo 13 z'abahoze ari abasirikare, n'izindi 8 z'abandi baturage basanzwe b'abasivili.

Mu ntego bafite harimo kongera ubushobozi bwa Koperative bashakisha amasoko, kugana amabanki bityo bakabasha kongera umubare w'imodoka bakoresha, ndetse bakinjiza n'abandi banyamuryango babyifuza, baba abasivili, abari abasirikare ba RDF, aba Ex. FAR ndetse n'abava mu mashyamba ya Congo.

Ibi bizatuma babasha guhuza imbaraga bihute mu iterambere, ariko nanone banarusheho gukorera hamwe no kunga ubumwe nk'Abanyarwanda.

Rtd. Private Habarugira Claver yagize ati: "Kimwe mu byo twatojwe ni ubumwe bw'Abanyarwanda. Ubumwe ni bwo mbaraga zacu, kandi ngira ngo ntawe utazi aho amacakubiri yagejeje iki gihugu. Twe rero twiyemeje guha ikaze buri wese nta kuvangura kuko ari byo bizatuma turushaho kubaka iterambere rihamye ry'igihugu cyacu, abazadukomokaho bazishimira kubamo".

Si iterambere ryabo bifuza gusa kugeraho, kuko abanyamuryango ba koperative Abiteje Imbere Transport banagaragaza ko nibamara kuba ikigo kinini gikora ubwikorezi, banifuza kuzagira uruhare no mu iterambere ry'abandi baturage basanzwe babaha akazi kugira ngo nabo babashe kwikura mu bukene.

Aba banyamuryango bakomeje bagira inama bagenzi babo batarajya mu makoperative kwihutira kwishyira hamwe bagahuza imbaraga n'ibitekerezo, kandi ko abavuga ko igishoro bakibuze atari byo, kuko amafaranga uko yaba angana kose aba igishoro mu gihe nyirayo ayakoresheje neza.

Rtd. Warrant Officer II Nkusi André yagize ati: "Tumaze gusobanukirwa ko igishoro cya mbere ari mu mutwe. Ahari ubushake abantu bahuza imbaraga bigashoboka. Turakangurira rero bagenzi bacu batarajya mu makoperative kwihutira kuyajyamo kugira ngo nabo ubwabo bagire uruhare mu mibereho myiza yabo. Byinshi twabigejejweho na Leta yacu ibinyujije muri RDRC, ibikorwaremezo by'ibanze birahari, igisigaye ni ukureba kure tukabibyaza umusaruro".

Aba banyamuryango basoje bagaragaza ko bishimira muri rusange aho igihugu kigeze mu iterambere kandi ko biteguye gukomeza gufatanya n'abandi Banyarwanda bose gusigasira no kurinda ibyagezweho na Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda.

# RDRC IGIYE KUGOBOKA ABAGENERWABIKORWA BAYO BAKOMWE MU NKOKORA NA COVID-19

Tariki ya 06 n'iya 10 Ugushyingo 2021, Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikari (RDRC), yahuje abagore bahoze ari abasirikare muri Ex. FAR, Ex. APR, RDF, n'abahoze mu mitwe inyuranye yitwaje intwaro, ndetse n'abagore b'abahoze ari abasirikari n'ababakomokaho, basezerewe guhera ku cyiciro cya 1 kugeza ku cya 65, mu mahugurwa agamije gutera inkunga imishinga yabo ibyara inyungu yazahajwe n'icyorezo cya Covid-19.

Uwo muhango watangiriye mu Mujyi wa Kigali tariki ya 06 Ugushyingo 2021, aho Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Hon. Nyirahabineza Valerie ari kumwe na Komiseri muri RDRC ushinzwe Umujyi wa Kigali, Brig. Gen. John Bagabo bahaye impanuro abagenerwabikorwa bari bahari; kwitabira gahunda za Leta kugira ngo bivane mu bukene bukabije batewe n'icyorezo cya Covid-19, no kugira uruhare mu iterambere rusange ry'igihugu. Bashimiye kandi abari aho imyitwarire myiza ibaranga aho batuye, ndetse banasabwa gukomeza kubumbatira umutekano w'igihugu.

Abitabiriye ayo mahugurwa bigishijwe kandi uko bakwihangira imirimo bakaba ba rwiyemezamirimo, gukora imishinga ibyara inyungu, nuko bashaka amasoko binyuze mu kwamamaza ibikorwa byabo.

Tariki ya 10 Ugushyingo 2021, Abagenerwabikorwa ba RDRC 40 bo mu Ntara y'Iburengerazuba bateraniye mu Karere ka Karongi baturutse mu Turere twa Karongi, Rutsiro, Nyamasheke na Rusizi, n'abandi 2 baturutse mu Turere twa Musanze n'aka Ngororero, naho bigishijwe uko bategura imishinga ibateza imbere.

Muri aya mahugurwa, Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yabwiye aba bagore ko kubera ingaruka bagizweho n'icyorezo cya Covid-19, haba ku buzima bwabo, imiryango yabo, ndetse ikanakoma mu nkokora imishinga yabo, RDRC yatekereje kubafasha mu buryo bushoboka bwose kugira ngo bivane muri izo ngaruka batewe n'icyo cyorezo.

Madamu Nyirahabineza Valerie yabasabye guhitamo imishinga myiza izabafasha kuzamura iterambere ry'imiryango yabo n'iry'igihugu muri rusange, kandi bakirinda gusesagura inkunga bahawe.



Abagenerwabikorwa ba RDRC batanga ibitekerezo ku iterambere ryabo

Muri aya mahugurwa abagenerwabikorwa bagaragaje imishinga y'iterambere bifuza gutangiza, bafashwa kuyinoza ndetse banahabwa ubumenyi bwo guhangana n'imbogamizi bashobora guhura nazo mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mishinga.

Kuri iyi tariki ya 10 Ugushyingo, no Mu Ntara y'Amajyepfo, mu Karere ka Huye naho hateraniye abagenerwabikorwa ba RDRC 41 nabo bahugurwa ku kwihangira imirimo no gutegura imishinga.

Aya mahugurwa yayobowe na Komisieri muri RDRC ushinzwe Intara y'Amajyepfo David Munyurango.

Mu Karere ka Kayonza naho hateraniye abagenerwabikorwa ba RDRC 68 bo mu Ntara y'Iburasirazuba, bafashwa gutegura imishinga izabafasha kwikura mu bukene, nk'imwe mu ngaruka batewe n'icyorezo cya Covid-19.

Muri aya mahugurwa, Komiseri muri RDRC ushinzwe Umujyi wa Kigali Brig. Gen. John Bagabo ari kumwe na Komiseri muri RDRC ushinzwe Intara y'Iburasirazuba, Elie Mutarambirwa, basabye muri rusange abahuguwe kuzafata neza inkunga bagenewe.

Komiseri Brig. Gen John Bagabo yagize ati : « Inkunga mugiye guhabwa ije isanga Covid-19 yarabahungabanyije. Mugerageze muyikoreshe neza, ni inyongera ku byo mufite ».
Komiseri Elie Mutarambirwa nawe yagaragaje ko ayo amahugurwa azafasha abagenerwabikorwa ba RDRC gucunga neza inkunga bagenewe na RDRC mu rwego rwo kubafasha kwikura mu bukene.

I Musanze naho hateraniye abagenerwabikorwa ba RDRC 53 batuye mu Ntara y'Amajyaruguru. Aya mahugurwa yayobowe na Komiseri muri RDRC ushinzwe Intara y'Amajyaruguru, Fred Nyamurangwa.

Muri rusange abagenerwabikorwa ba RDRC bitabiriye aya mahugurwa bishimiye iki gikorwa, bagaragaza ko imishinga bagiye gutangira igiye kubafasha kuzahura iterambere ry'imiryango yabo ryakomwe mu nkokora n'icyorezo cya Covid-19.

Muhongerwa Emilienne agaragaza ko inkunga bagenewe na RDRC yiteguye kuyibyaza umusaruro kugira ngo abashe gukomeza gutunga umuryango we cyane ko umugabo we yamugariye ku rugamba.

Umutangwa Alphonsine uri mu bagore bagize uruhare mu kubohora igihugu, nawe yashimye cyane inkunga bahawe na RDRC kuko izamufasha mu rugendo rwe rw'iterambere.

Muri rusange abagenerwabikorwa bakaba baragaragaje imishinga bazakora mu gihe bazaba bashyikirijwe inkunga bagenewe na RDRC, yiganjemo iy'ubucuruzi, ubukorikori, ubuhinzi n'ubworozi.

# IKIGANIRO NA NSENGIYUMVA WELLARS WATAHUTSE AVA MU MASHYAMBA YA CONGO

***AB: Twagira ngo mutubwire inzira y'ubuzima mwanyuzemo.***

**NW:** Nitwa Nsengiyumva Wellars, navutse mu 1967 , mvukira mu bitaro bya Gisenyi mu cyahoze ari komini Kanama ubu ni mu Karere ka Rubavu.

Inzira y'ubuzima nanyuzemo ni inzira ndende, navutse mbabara mvukiye mu bitaro. Niga amashuri abanza kimwe nk'abandi bana bose bitanduhije cyane, primaire nyirangije njya mu mashuri yisumbuye aho nakurikiye ishami ry'ibijyanye n'ubuganga.

Mvuye aho ngaho biba ngombwa ko njya kwitangira igihugu cyanjye, njya mu ryahoze ari Ishuri Rikuru rya Gisirikare (ESM), ndiga, intambara ibaye biba ngombwa ko ninjira mu ntambara, turarwana kugeza ubwo Inkotanyi zitsinze zigafata igihugu, ubwo nanjye ngenda mpunze njya mu mashyamba ya Congo. Muri ayo mashyamba niho nabaye kugeza ngarutse mu Rwanda umwaka ushize wa 2020, nkaba kugeza ubu ndi aha ngaha duhuriye i Mutobo.

***AB: Wagiye mu gisirikare mu wuhe mwaka? Ujya mu gisirikare nta bibazo byari bihari bigaragara. Wari ugiye kwitangira igihugu mu buhe buryo?***

**NW:** Nagiye mu gisirikare mu 1989. Mu by'ukuri n'ubwo nta bibazo byari bihari, ariko buri gihe igihugu gisaba ko haboneka abasirikare. Kubera ko n'ubundi ni politiki y'igihugu, niyo iba izi icyo iri guteganya. Nanjye rero ni muri urwo rwego nagiyemo kuko basabye ko abantu bajya mu gisirikare bahamagaye nanjye ndabyitaba njyamo, ariko kandi uretse no kurwana gusa hari n'izindi nshingano, igihe hatari intambara hari ibindi byinshi abasirikare bakora.

Ubwo rero numvaga ko ibyo igihugu cyanjye kizansaba nk'umusirikare ko byose nzabikora. Ni icyo cyatumye njya mu gisirikare.

***AB: Twagira ngo utubwire, iyo mutsinda urumva muri wowe igihugu cyari kuba kigeze he muri iki gihe?***

**NW:** Kuri iki kibazo navuga ko iyo dutsinda nta Jenoside yakorewe Abatutsi nta kibazo cyari kuba, kubera ko politiki irahinduka. Ndatekereza ko abantu bari gufata ingamba cyane cyane ko hari imishyikirano yari yaratangiye hagati y'impande zose Arusha muri Tanzaniya. Bagombaga gukurikiza ikivuye mu mishyikirano nta kibazo cyari kuba.

Aho byari gutera ikibazo ni aho wavuga uti 'iyo Jenoside yakorewe Abatutsi iba kandi mukanatsinda byari kugenda gute?' Icyo gihe ntekereza ko bitari no gushoboka kuko ntabwo abantu bari gutegeka igihugu kimaze kwandura kuriya kandi aribo babiteye. Ntabwo byari gukunda rwose.

***AB: Mugize gutya muratsinzwe mugiye muri Congo, tubwire uko ubuzima bwari bumeze, uko wagiye muri za FDLR, uko abayobozi banyu babafataga n'uko mwabanye, use nuturamburira iyo nkuru.***

**NW:** Mu by'ukuri ubuzima bwari bugoye kubera ko urebye nta kwinyagambura kwari guhari, ibyo kurya ntabwo byari bihagije kandi dufite n'ibindi dukeneye, nta buryo bwari buhari kugira ngo abana bige, kuko no kubona akazi ntabwo byari byoroshye.

Hanyuma muri uko kugerageza kwitunga hakabamo gushwana n'abenegihugu, rimwe na rimwe abantu bakicana ugasanga ni ibibazo bikomeye cyane, kugeza rero ubwo byageze igihe na FDLR ubwayo itangira kwicana, icikamo ibice, urumva ko ubuzima bwo mw'ishyamba butari bwiza, ari naho njye nanafashe icyemezo nadavuga nti 'intambara narwanaga ntabwo ari iyi ngiyi, intambara yo kwicana iyo sinzayirwana, maze mfata icyemezo nti njewe nitandukanyije na FDLR, ubwo ndabikora mvamo'.

***AB: Hari ukuntu wavuze ngo ba..., bagize batya..., barema ingabo..., bashatse kunyica, ...ba ni bande?***

**NW:** Abaremye ingabo ni impunzi zari zarahunze, nibo baremye ingabo, abasirikare batsinzwe nibo bisuganyije bashyiraho uwo mutwe wa FDLR. Abashakaga kunyica n'ubundi ni bamwe mu bari bagize umutwe wa FDLR, ni uko byagenze.

AB: Hari ukuntu wakomeje kuvuga ngo bamwe, bamwe nta mazina yabo wibuka?

**NW:** Twavuga wenda abari abayobozi icyo gihe, hari nka ba Mudacumura, Gen.Rwarakabije, hari Gen. Francis, hari na Gen. Mugaragu. Gen. Byiringiro nawe ari muri abo ngabo bari bakuriye FDLR, n'abandi.

***AB: Wahunze ufite irihe peti? Utahuka ufite irihe peti?***

**NW:** Nahunze mfite ipeti rya Sous Lieutenant, ntahuka ndi Colonnel.

***AB: Ibintu wabonye bibi kuva ugiyeku rugamba, kuva urutsinzwe, kuva ugiyemuri Congo, ubuzima wabayemo mbere y'uko utahuka, tubwire ibintu bibi wagiye ubona, hanyuma noneho unatubwire n'ibyiza ushobora kuba warabonye muri icyo gihe.***

**NW:** Wenda duhereye hano mu gihugu ikintu kibi cyahabaye ni Jenoside yakorewe Abatutsi. Icyo ni cyo kibi cyahabaye naho iby'urugamba nyine n'ibyo ku rugamba. Muri Congo ikintu kibi cyahabaye; icya mbere ni ubwicanyi hagati y'impunzi n'abenegihugu, kuko hari aho byagiye birenga rwose abantu bagapfa.

Icya kabiri ni ubwicanyi hagati y'impunzi ubwazo. Icyo nacyo cyabaye kibi ku buryo umuntu atakibagirwa.

Mu byiza rero navuga byabaye, ngaruke hano mu gihugu; icya mbere nuko Jenoside yakorewe Abatutsi yahagaritswe. Icya kabiri cyiza cyabaye hano mu gihugu ni ukwakira neza abahoze ari abarwanyi bitandukanyije n'abandi bakareka urugamba, baraza bakabakira kandi bakabasubiza mu buzima busanzwe, ntibabafate nk'abanzi, ibyo bibiri ndabishima cyane.

AB: Umwanzi babigishaga ko ari muntu ki muri icyo gihe cya 89?

NW: Muri 89 bavugaga ko umwanzi ari uteye u Rwanda, uwatera u Rwanda wese icyo gihe yari umwanzi.

AB: Hanyuma byaje guhinduka gute kugira ngo umwanzi abe Umututsi, ko abasirikare benshi babiririmbaga?

NW: Ntabwo nigeze ngera ahantu babivugaga, uretse ko iyo umuntu agerageje kumva, yumva ko yari intero y'Interahamwe, mu giririkare umwanzi ahubwo bamwitaga Inyenzi, nibo bari bazi ko barwana nk'abanzi.

# IKIGANIRO NA SEBAHUTU JEAN DAMASCENE WATAHUTSE AVA MU MITWE YITWAJE INTWARO.

**AB: Twagira ngo mutwibwire.**

**SJD:** Nitwa Sebahutu Jean de Dieu, nkaba nari Komiseri muri CNRD mu mashyamba ya Congo, bityo nkaba ndi hano mu rwego rwo kugira ngo twigishwe, duhabwe inyigisho mboneragihugu, dusubire mu miryango tube Abanyarwanda nk'abandi. Twaje hano ducyuwe ku ngufu n'igisirikare cya Congo FARDC.

***AB: Nka Komiseri rero wari muri CNRD Ubwiyunge, mumaze igihe hano i Mutobo muhabwa inyigisho zinyuranye, zaba zarahinduye imyumvire mwari mufite twavuga ko itari myiza?***

**SJD:** Twungutse byinshi cyane bishingiye ku mateka yaranze igihugu cyacu mbere y'ukwezi kwa Nyakanga 1994. Muri ayo mateka rero niho umenyera impamvu zahagurukije FPR ku itariki ya 1 Ukwakira 1990. Ni naho usanga ibyiza by'intsinzi y'izari ingabo za FPR, cyane cyane harimo igikorwa cy'indashyikirwa cyo korokora Abatutsi bari bibasiwe na Jenoside yabakorerwaga ku buryo buteye ubwoba, aho izo ngabo zashoboye kuyihagarika hamaze kwicwa abarega miliyoni.

***AB: Nka Komiseri rero wari ushinzwe politiki muri CNRD Ubwiyunge, wari no muri FDLR, izo nyigisho nizo watangaga hariya mwari muri , umuntu yakwibaza ese izo nyigisho zakuvuyemo? Nta nagasigisigi kazo, Ese urazicuza?***

**SJD:** Ndahera ku gasigisigi muvuze, ntako mfite. Narasobanukiwe bihagije ndetse niyemeje kuba umwarimu mwiza ugomba gutanga urugero kandi nkarutanga uko bikwiye mu kuri no mu mucyo. Ukuri twarakubonye, amateka yaradusobanuriye, none rero mpereye no kubatubanjirije gutaha, twese imyumvire nuko yabaga imeze.

***AB: Nka Komiseri bazi ko wabaye muri CNRD warabanje no kuba muri FDLR, hari ibyo uzi bubakiyeho. Imyumvire bafite ni iyihe? Ni iki cyakorwa ngo babone ko ibyo bubakiyeho atari byo, atari ibyubaka ahubwo ari ibisenya?***

***SJD:*** Ibyakorwa birahari cyane rwose. Mu byo bubakiyeho harimo gushyira imbere abo bita ko ari bato badafite ibyaha bakurikiranweho byo gukora Jenoside yakorewe Abatutsi. Kwitwaza abakiri bato babishyira imbere bitwaje ko ngo ntacyo wabashinja.



Sebahutu Jean de Dieu ari kumwe na bagenzi be mu mahugurwa ari kubera i Mutobo

Noneho ikindi ni uko bizeye ubufasha bw'abanyamahanga bushingiye ku binyoma bavuga, banandika, bakwirakwiza ku mbuga nkoranyambaga zateye ubu, basebya, baharabika Leta y'Ubumwe bw'Abanayarwanda, bataretse no kwibasira abayobozi bo mu nzego nkuru z'igihugu.

Ibyo bubakiyeho rero ntabwo byatunanira kugira ngo turebe uko twabisenya, rwose nkuko nabivuze, abo batoya nibo dukwiye kwibandaho kugira ngo tubigishe, tubereke ukuri, bityo tubereke ko ibyo barimo atari byo.

***AB: Igihe rero mumaze hano muhabwa inyigisho ni nako na Leta iriho ibategurira imibereho myiza yanyu yo mu buzima busanzwe mugiye gusubizwamo harimo n'izi nyigisho muhabwa z'imyuga n'ubumenyingiro muziga amezi 6.***

***Ni iki mwabwira abamenyereye gukwiza ibihuha bavuga ko mufungiye aha ngaha i Mutobo. Ese mwebwe niko mubibona?***

***SJD:*** Hari ibyiza Leta irimo kudutegurira. Twebwe twarangije inyigisho za mbere z'uburere mboneragihugu, ubu turi kwiga imyuga, ubumenyingiro tuzarangiza mu kwezi kwa Mutarama 2022. Ni ukuvuga ngo niturangiza hazakurikiraho gahunda yo kudusezerera bityo dusubire mu buzima busanzwe.

Abavuga ibyo rero ni ibinyoma, twe rero dukwiye kwitegura tukaba abarimu beza nkuko twabisabwe n'Umuyobozi Mukuru wa Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), tukerekana ukuri. Ibimenyetso turabifite, ubuhamya turabufite , nitwe tuzi ibyiza Leta irimo kudutegurira.

***AB: Ntiwigeze wicuza kuba uri mu batahutse ku ngufu cyane ko watugaragarije ko waje ucyuwe n'ingabo za Congo FARDC?***

**SJD:** Nakubwira ko tukimara guterwa na FARDC tukazanwa mu Rwanda, twavuye ibuzimu tujya ibumuntu.

Noneho twibonye mu gihugu twitaga kibi, twitaga ko kiyobowe nabi, twakigezemo ahubwo dusanga ari amahoro ahinda, dusanga binyuranye cyane nuko twabikekaga. Uko twakiriwe, indoro nziza, uko badufashe, kugeza ubu turiho tumeze neza.

Twagize ukwicuza kwiza, nagize nti 'burya twari mu bintu bibi twibeshya tutazi aho ibyiza biri'. Ni ukuvuga ngo twaranezerewe , twarishimye kuko twabaye ba muzuka tugira amahirwe turakirwa.

Twakiwe neza n'ubuyobozi bw'igihugu, uko twakiwe tugeze Mukamira reka nerure mbivuge, abakozi ba RDRC baraje baraduhumuriza batwereka ko igihugu ari icyacu. Abashinzwe umutekano baraje baratwakira, batwitaho, dufatwa neza. Imana yatugiriye neza, nta kwicuza kubi rero twagira, ahubwo haba kwicuza ko hari ibyiza twari twaribujije turi mu byo tutazi.

Turashimira Imana yaduhaye abayobozi beza ibaremamo umutima mwiza w'umucyo n'ubupfura baratwakira nkuko bakiriye n'abandi bose.



**Abarwanyi bavuye mu mashyamba ya Congo bari  guhugurirwa i Mutobo bateze amatwi abashyitsi**



**Intumwa zavuye muri Sudani y'Amajyepfo ziganira n'abarwayi bahoze mu mitwe yitwaje intwaro bari i Mutobo**


<u>ADDRESS</u>

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare **(RDRC)**

P.O. Box: 7277 Kigali, Rwanda
**Email:** demob@rdrc.org.rw/demobrwanda@yahoo.com
**Tel:** +250 587159/ **Fax:** +250 587160
**Website:** www.demobrwanda.gov.rw